

ITEKA RYA PEREZIDA N° 061/01 RYO KU WA 20/05/2019 RISHYIRAHU UBURYO BWO GUHURIZA HAMWE INZIBUTSO ZA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI

PRESIDENTIAL ORDER N° 061/01 OF 20/05/2019 DETERMINING MODALITIES FOR CONSOLIDATION OF MEMORIAL SITES FOR THE GENOCIDE AGAINST THE TUTSI

ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 061/01 DU 20/05/2019 DÉTERMINANT LES MODALITÉS DE CONSOLIDATION DES SITES MÉMORIAUX DU GÉNOCIDE PERPÉTRÉ CONTRE LES TUTSI

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Ibishingirwaho mu guhuriza hamwe inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi

Article 2: Criteria for consolidation of memorial sites for the Genocide against the Tutsi

Article 2: Critères de consolidation des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi

Ingingo ya 3: Inzego zishinzwe guhuriza hamwe inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi

Article 3: Institutions responsible for consolidation of memorial sites for the Genocide against the Tutsi

Article 3: Institutions responsables de la consolidation des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi

Ingingo ya 4: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Articles 4: Repealing provision

Article 4: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 5: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

Article 5: Commencement

Article 5: Entrée en vigueur

ITEKA RYA PEREZIDA N° 061/01 RYO KU WA 20/05/2019 RISHYIRAHU UBURYO BWO GUHURIZA HAMWE INZIBUTSO ZA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI

PRESIDENTIAL ORDER N° 061/01 OF 20/05/2019 DETERMINING MODALITIES FOR CONSOLIDATION OF MEMORIAL SITES FOR THE GENOCIDE AGAINST THE TUTSI

ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 061/01 DU 20/05/2019 DÉTERMINANT LES MODALITÉS DE CONSOLIDATION DES SITES MÉMORIAUX DU GÉNOCIDE PERPÉTRÉ CONTRE LES TUTSI

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 122 et 176;

Dushingiye ku Itegeko n° 15/2016 ryo ku wa 02/05/2016 rigenga umuhango wo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, imitunganyirize n'imirungire by'inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 15;

Pursuant to Law n° 15/2016 of 02/05/2016 governing ceremonies to commemorate Genocide against the Tutsi and organisation and management of memorial sites for the Genocide against the Tutsi, especially in Article 15;

Vu la Loi n° 15/2016 du 02/05/2016 régissant les cérémonies de commémoration du Génocide perpétré contre les Tutsi et portant organisation et gestion des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi, spécialement en son article 15;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta;

On proposal by the Minister of Justice/Attorney General;

Sur proposition du Ministre de la Justice/Garde des Sceaux;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 28/01/2019, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 28/01/2019;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 28/01/2019;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

HAVE ORDERED AND ORDER:

AVONS ARRÊTÉ ET ARRÊTONS:

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri teka rigena uburyo bwo guhuriza hamwe inzibutso za Jenocide yakorewe Abatutsi kugira ngo zirusheho gucungwa neza no kubungabungwa mu gihe kirambye.

This Order determines the modalities for consolidation of memorial sites for the Genocide against the Tutsi to ensure better management and sustainable preservation.

Le présent arrêté détermine les modalités de consolidation des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi en vue de leur meilleure gestion et conservation durable.

Ingingo ya 2: Ibishingirwaho mu guhuriza hamwe inzibutso za Jenocide yakorewe Abatutsi

Article 2: Criteria for consolidation of memorial sites for the Genocide against the Tutsi

Article 2: Critères de consolidation des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi

Mu guhuriza hamwe inzibutso za Jenocide yakorewe Abatutsi hitabwa nibura kuri imwe mu mpamvu zikurikira:

Consolidation of memorial sites for the Genocide against the Tutsi is based on at least one of the following reasons:

La consolidation des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi est basée sur, au moins l'une des raisons suivantes:

1° kwimura imva zose z'abazize Jenocide yakorewe Abatutsi, imibiri izirimo igashyingurwa mu nzibutso za Jenocide yakorewe Abatutsi;

1° relocation of all graves of victims of the Genocide against the Tutsi and burial of bodies therein in memorial sites for the Genocide against the Tutsi;

1° déplacer toutes les tombes des victimes du Génocide perpétré contre les Tutsi et enterrer des corps qui s'y trouvent dans des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi;

2° inzibutso za Jenocide yakorewe Abatutsi zubatse ahantu hahanamyeye, hatuma zishobora guseniyuka cyangwa kwangizwa n'ibiza bitewe n'imiterere y'aho zubatse;

2° memorial sites for the Genocide against the Tutsi erected in high-risk zones, which may lead to their destruction or damage by natural hazard-induced disasters, due to the state of the location where they are erected;

2° les sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi érigés dans des zones à haut risque pouvant entraîner leur destruction ou endommagement par des catastrophes naturelles suite à l'état de leur emplacement;

- | | | |
|---|--|---|
| 3° inzibutso za Jenocide yakorewe Abatutsi zirimo imibiri iri muni y'igihumbi (1.000), uretse inzibutso zifite amateka yihariye ku buryo kuyabungabunga byagorana, igihe izo nzibutso zaba zihujwe; | 3° memorial sites for the Genocide against the Tutsi which contain less than one thousand (1,000) of bodies with the exception of memorial sites with particular history to the extent that their preservation may be difficult once consolidated; | 3° les sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi contenant moins de mille (1.000) corps de victimes, à l'exception des sites mémoriaux ayant une histoire particulière à telle enseigne que la conservation de cette particularité est difficile une fois consolidés; |
| 4° inzibutso za Jenocide yakorewe Abatutsi zubatswe ahantu hatorohereza abantu kuzisura kandi aho hantu hakaba hadashobora gutunganywa; | 4° memorial sites for the Genocide against the Tutsi which are erected in areas which do not facilitate visitors to easily reach them and such areas may not be rehabilitated; | 4° les sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi construits dans une zone qui ne facilite pas l'accès aux visiteurs et où la réhabilitation semble impossible; |
| 5° inzibutso za Jenocide yakorewe Abatutsi zegeranye kandi amateka yerekeranye n'itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenocide yakorewe Abatutsi y'aho zubatse ari amwe; | 5° memorial sites for the Genocide against the Tutsi that are in the vicinity of one another and share particularities regarding the preparation and execution of the Genocide against Tutsi; | 5° les sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi proches l'un de l'autre et qui partagent les mêmes particularités concernant la préparation et l'exécution du Génocide perpétré contre les Tutsi; |
| 6° inzibutso za Jenocide yakorewe Abatutsi ziri ahantu hari urusaku kandi hadatanga ituze. | 6° memorial sites for the Genocide against the Tutsi located in noisy and uncomfortable environment. | 6° les sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi situés dans un environnement bruyant et inconfortable. |

Ingingo ya 3: Inzego zishinzwe guhuriza hamwe inzibutso za Jenocide yakorewe Abatutsi

Bitewe n'icyiciro inzibutso za Jenocide yakorewe Abatutsi zirimo, Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenocide, Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu nshingano zayo n'Akarere inzibutso zirimo bishobora gufata icyemezo cyo guhuriza hamwe inzibutso za Jenocide yakorewe Abatutsi, hashingiwe ku mpamvu ziteganywa mu ngingo ya 2 y'iri teka.

Mu gihe hafashwe icyemezo cyo guhuriza hamwe inzibutso za Jenocide yakorewe Abatutsi, inzego zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo zibikora ku bufatanye na Minisiteri ifite inzibutso za Jenocide yakorewe Abatutsi mu nshingano zayo n'imiryango iharanira inyungu z'abacitse ku icumu rya Jenocide.

Ingingo ya 4: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Article 3: Institutions responsible for consolidation of memorial sites for the Genocide against the Tutsi

Depending on the category of memorial sites for the Genocide against the Tutsi, the National Commission for the Fight against Genocide, the Ministry in charge of foreign affairs and the District where memorial sites are located may take the decision of consolidating memorial sites for the Genocide against the Tutsi, basing on reasons stated in Article 2 of this Order.

In case of the decision to consolidate the memorial sites for the Genocide against the Tutsi, the organs referred to in Paragraph One of this Article do so in collaboration with the Ministry in charge of memorial sites for the Genocide against the Tutsi and the associations for the defense of interests of Genocide survivors.

Article 4: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 3: Institutions responsables de la consolidation des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi

Selon la catégorie des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi, la Commission Nationale de Lutte contre le Génocide, le Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions et le District où les sites mémoriaux sont situés peuvent prendre la décision de consolider les sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi, pour les raisons énoncées à l'article 2 du présent arrêté.

En cas de décision de consolidation des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi, les organes visés à l'alinéa premier du présent article le font en collaboration avec le Ministère ayant des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi dans ses attributions et les associations pour la défense des intérêts des rescapés du Génocide.

Article 4: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 5: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 20/05/2019

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 5: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 20/05/2019

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Article 5: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 20/05/2019

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux